Kaliza ni imfura mu muryango wa Muhozi ariwe se, na Mukantwali ariwe nyina. Kaliza afite imyaka umunani, yiga mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza, naho musaza we muto witwa Mucyo afite imyaka ine yiga mu ishuri ry'incuke.
Uyu muryango utuye mu Mudugudu w'ikerekezo. Muhozi acuruza Butiki hafi y' urugo rwe naho umugore we Mukantwali ni umuhinzi. Mu mudugudu batuyemo no mu rugo, Muhozi bakunze kumwita Papa Kaliza, naho Mukantwali bakamwita Mama Kaliza. Iyo basoje imirimo yabo babona umwanya wo kuganira n'abana babo no kubasubirishamo amasomo.
Muhozi ahagarariye komite y'inteko rusange y'ababyeyi ku ishuri Kaliza yigaho.
Muri iki gihe isi yugarijwe n'icyorezo cya koronavirusi, Muhozi na Mukantwali bakurikirana cyane ko Kaliza yiga amasomo anyura kuri radiyo kandi bamushishikariza kwiyibutsa ibyo yize ngo atazasubira ku ishuri yarabyibagiwe.
Kaliza akunda kwiga, gusoma no gukina. Iyo ari kumwe na musaza we, amusubiriramo indirimbo yize ku ishuri, bikamushimisha.
Kaliza afite intego yo kwiga neza agatsinda kandi yifuza ko narangiza kwiga yazaba inzobere mu bumenyi bw'ikirere.

**Mucyo ari gukinira mu mbuga, araririmba kandi yishimye…**



*Bizakomeza...*

Ikinamico "iwabo wa Kaliza", igamije gushishikariza ababyeyi kwita ku mibereho myiza y'abana babo, kubakurikirana no kubafasha mu myigire cyane cyane muri iki gihe isi yugarijwe n'icyorezo cya koronavirusi. Muri iyi kinamico, ababyeyi bazajya bumvamo ingero z'uburyo bakurikirana kandi bagafasha abana nko kubagenera umwanya wo gukurikira amasomo anyura kuri radiyo na televiziyo, kubasomera inkuru cyangwa kubatega amatwi basoma, kubaganiriza no gusubiza ibibazo baba bafite mu byo biga, kubigisha uko imirimo yo mu rugo ikorwa n'ibindi. Iyi kinamico kandi igamije gutanga ubutumwa ku bana bazayikurikira ngo bage bakurikira amasomo anyura kuri radiyo na televiziyo, bashishikarire gusoma ibitabo n'izindi nyandiko kandi basobanuze ibyo batumva ku babyeyi, abo bava inda imwe cyangwa abandi bari mu muryango. Iyi kinamico izajya inyuzwa mu kiganiro "Itetero", izaba ifite ibice 8. Buri gice kizaba gifite ubutumwa bw'ingenzi bugenewe ababyeyi n'abana.

## UBUTUMWA BW'INGENZI

Mubyeyi, fasha umwana wawe gukurikira amasomo kuri radiyo, televiziyo n'ibindi bitangazamakuru unashishikarize umwana wawe kuyakurikira. Kora ku buryo umwana wawe ayakurikira yicaye ahantu hatuje kandi hatamurangaza. Nibishoboka, fatanya n'umwana wawe gukurikira isomo kugira ngo umuyobore mu gukora imyitozo. Igihe isomo rirangiye, fasha umwana wawe gukoresha ibyo yize mu buzima bwa buri munsi. Urugero: niba isomo bize rijyanye n'amafaranga, ganiriza umwana wawe ku kiguzi k'ibikenerwa mu rugo unamusabe gukurikirana uburyo mukoresha amafaranga mu rugo.